## INCAMAKE KU MIKORERE Y'ABUNZI MU KARERE:

Abunzi nk' urwego rushinzwe kwakira no kunga abaturage hagamijwe kubaha ubutabera no guca akarengane, mu Karere ka Ngoma abunzi bose hamwe ni **546**. Abunzi bafite Inteko **78**, Inteko **64** z'Utugali n' Inteko **14** z' Urwego rw'Ubujurire ku mirenge, buri nteko igizwe n' abunzi **7**.

Buri Nteko y' abunzi bo ku rwego rw'Akagali n'Ubujurire ku murenge baterana rimwe mu cyumweru bitewe n' umunsi buri Nteko yihitiyemo.

Mu mikorere y' abunzi bakemura ibibazo bakiriye, ibi bigakorwa bashingiye k' ubuhamya bw' abaturage bazi neza cyangwa batuye aho ikiburanwa cyangwa ikibazo bakurikirana cyabereye/ giherereye. Abunzi bakorana n' urwego rwa MAJ mu rwego kujya inama mu by' amategeko. Buri Nteko y' Abunzi ifite icyumba ikoreramo giherereye ku mu biro by'akagali cyangwa Umurenge, ari naho babika ibikoresho bakoresha (Ibitabo bandikamo ndetse n' imyenda Bambara bakora umurimo wo kwunga.)